Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
**Akarere ka Karongi**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya 30 mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO).

***Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:***

(a) Ari Umunyarwanda;
(b) Yabisabye ku bushake;
(c) Agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) Ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) Atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) Afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) Afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
(h) Atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta; kandi
(i) Yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO

**Icyitonderwa**: Icyakora, umuntu ufite ubumenyi bwihariye imyaka ishobora kutitabwaho.

***Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:***

1. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka k'urubuga rw'Akarere ka Karongi;
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
3. Icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge;
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe mu Rwanda;
5. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (kubigeze kuzikoramo)
6. Fotokopi y'indangamuntu.
7. Icyemezo cy'uko atakatiwe igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;

Inyandiko zisaba akazi zizagezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere kuva kuwa 27/03/2024 kugeza kuwa 11/04/2024 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00)

**Bikorewe Karongi kuwa 27,Werurwe,2024**

AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUKASE Valentine**
**Umuyobozi w'Akarere ka Karongi**

E-mail : info@karongi.gov.rw
B.P 23 Kibuye